REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gakenke, ku wa 26/10/2016
N° 014./07.04.02/ccd

Province du Nord
Pour réception
Date: 27.10.2016

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA GAKENKE
Email:gakenkedistrict@minaloc.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru /MUSANZE

Impamvu: Imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama isanzwe kuwa **21/10/2016;**

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho ku mugereka w'iyi baruwa, imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Gakenke yateranye kuwa 21/10/2016.

Mugire amahoro.

HITIMANA Télesphore
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke.

Bimenyeshejwe:

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu/**KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere **/GAKENKE**.

IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE ISANZWE YATERANYE KUWA 21/10/2016

Nkuko biteganywa mu iteka rya Minisitiri N0 004/07.01 ryo kuwa 18/09/2006 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama, buri gihembwe Inama Njyanama y'Akarere igomba guterana. Ishingiye kandi ku biteganywa mu itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, kuwa gatanu taliki ya 21/10/2016, ku Biro by'Akarere ka Gakenke hateraniye inama y'Inama Njyanama. Iyi nama yitabiriwe n'abajyanama 33/36 kuko MUREBWAYIRE Christine, Visi Perezida w'Inama Njyanama yari yitabiriye indi nama y'abikorera i Kigali, UWAMAHORO Marie Therese yari mu mahugurwa y'akazi naho ICYITEGETSE Marie Pierre Viviane yasezeye mu murimo w'ubujyanama.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama Njyanama yateranye kuwa 30/09/2016;

2. Gusuzuma no kwemeza LED(Local economic development) strategy y'Akarere ka Gakenke

3.Gusubiza amabaruwa yandikiwe Inama Nyanama y'Akarere

INGINGO ZIZWE	IMYANZURO
Ingingo ya mbere: -Kwemeza Inyandikomvugo y'inama y'ubushize yateranye kuwa 30/09/2016	1. Abajyanama bamaze gusomerwa ibikubiye mu nyandikomvugo y'inama Njyanama yateranye kuwa 30/09/2016 no kuyikorera ubugororangingo bayemeje.
Ingingo ya 2: Gusuzuma no kwemeza LED(Local economic development) strategy y'Akarere ka Gakenke Byasobanuwe n'intumwa ya LODA Madame UWAMWIZAJulie.	2.1.Inama Njyanama yemeje iyi gahunda y'iterambere (LED: Local economic development strategy) y'Akarere ka Gakenke igaragara ku mugereka w'iyi myanzuro.

Iyi LED strategy ni gahunda y'imyaka 7 y'iterambere ry'Akarere yifashishwa mu gihe cy'itegenyabikorwa rya buri mwaka. Ikubiyemo imishinga igamije iterambere kuburyo ikozwe byaha amahirwe menshi Akarere mu rwego rw'iterambere. Buri mukozi mu gihe cyo kugena ibyo gukora agomba kuyifashisha. Iyi gahunda nayo ubwayo ishobora kuvugururwa kuko uko ibihe bigenda bisimburana ari nako amwe mu makuru agenda ahinduka. Iyi gahunda izajya kandi yifashishwa n'abafatanyabikorwa b'Akarere igihe cyose bafite icyo bafasha Akarere. Iyi gahunda ifite by'umwihariko intego yo kwerekana amahirwe yabyazwa umusaruro maze tukihaza ndetse tugasagurira n'abandi. Ibi tuzabigeraho twongera umusaruro kandi dufata neza ibikorwa remezo dufite. Mu kurangiza ikiganiro cye, Intumwa ya LODA yasabye abikorera bo mu Karere ka Gakenke kubyaza umusaruro ikigega cy'imbarutso y'amajyambere cyitwa LCF kizakorera mu Turere tune(4) harimo n'Akarere ka Gakenke ku nkunga ya BTC(Belgian technic cooperation) kikaba kizakorana n'abikorera mu mishanga y'amajyambere.	2.2.Inama Njyanama yagennye ibyakongerwa muri iyi gahunda ya LED strategy/Gakenke mu buryo bukurikira: *Umuhanda Mubuga –Nyabitare *Umuhanda Rukeri-Gatonde (Ku Bitaro) *Umuhanda Mubuga-Musenyi *Umuhanda Rusenge –Busengo *Umuhanda Mataba-Muvumba (rehabilitation) *Umuhanda Muzo-Mataba *Umuhanda Gikombe-Mataba *Umuhanda Mataba-Murambo (Janja) *Umuhanda Buranga-Murambo(Janja) *Umuhanda Mataba-Minazi *Umuhanda Bushoka-Nyange *Umuhanda Munindi-Musagara *Inyubako y'Akarere ka Gakenke *Ikiraro Mataba-Minazi *Kubaka Igaraji rikanika imodoka *Kongera amazi muri Rushashi *Kubaka Stade y'Akarere ka Gakenke *Kubaka inzu yo kwakiriramo abashyitsi *Guhanga imihanda mu mujyi wa Gakenke *Kongera amashuri ya A2 TVT *Gufasha imishinga y'ubworozi *Kuvugurura ubuhinzi bw'ingano n'amashaza *Kuvugurura inyubako z'imirenge n'Utugari bishaje *Kongera Pepiniyeri z'imbuto *Kuvugurura umuyoboro w'amazi w'i Nyaruhanga(Rusasa) *Kugura imashini zuhira imyaka.

Ingingo ya 3: **Gusubiza amabaruwa yandikiwe Inama Nyanama y'Akarere yasesenguwe mu makomisiyo** **Ibyizwe muri Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu:**	
-Ibaruwa yanditswe n'Akarere isaba kwemeza urutonde rw'ahazashyirwa imidugudu mu Karere ka Gakenke	3.1. Inama Njyanama yemeje urutonde rw'ahazashyirwa imidugudu mu Karere kose ka Gakenke 3.2. Inama Njyanama yemeje ko ahazashyirwa imidugudu hatangira gutunganywa hashyirwamo imihanda kugirango hatazaturwa mu kajagari 3.3.Inama Njyanama yemeje ko habaho gukosora urutonde rwa sites za Minazi na Gakenke byagaragayemo amakosa Inama Njyanama yemeje gusonera abaturage 5000Frw yo guhinduza ubutaka bwabo icyo bwari bugenewe gukoreshwa.
-Ibaruwa yanditswe n'Akarere isaba gusonera abaturage 5000Frw y'ubukode bw'ubutaka: Ibyo bigaragara ku baturage bafite ibyangombwa byanditseho 0 kandi batuye mu mujyi wa Gakenke, centres z'ubucuruzi. Abo baturage bazahindurirwa icyo ubutaka bwabo bugenewe ku buntu aho kuba guhinga bibe gutura, bigakorwa ku buntu aho gutanga 5000frw maze nyuma yo guhindukra icyo bwagenewe bazasoreshwe.	Inama Njyanama yemeje gusonera abaturage bari ku rutonde rwagaragajwe rurimo amakosa ashingiye kucyo ubutaka bugoma gukoreshwa.

-Ibaruwa yanditswe n'Akarere isaba gusonera abaturage amafaranga y'imisoro ku butaka batunze. Ibyo bigaragara ku baturage bafite ibyangombwa by'ubutaka byanditseho agaciro kabazwe nabi katajyanye n'uko ubutaka bungana.	Inama Njyanama yemeje ko hakosorwa amakosa ari ku biciro by'ubukode bw'aya masambu kandi aho bishoboka bagateganya ahazashyirwa ibikorwa remezo'
-Ibaruwa y'Ubuyobozi bw'Akarere isaba kwemeza urutonde rw'abatanga amahoro y'ubukode bw'ubutaka 2015-2016	Inama Njyanama yemeje urutonde rw'abatanga amahoro y'ubukode bw'ubutaka 2015-2016 kandi ubutaka bwabo bukaba bwujuje ibyangombwa biteganywa n'itegeko.
-Ibaruwa y'Ubuyobozi bw'Akarere isaba kwemeza urutonde rw'abasora 2015-2016 mu by'ubutaka	Inama Njyanama yemeje urutonde rw'abasora mu by'ubutaka 2015-2016
-Ibaruwa ya NKUNDABAGENZI Leandre wanditse asaba kurenganurwa kubera yabujijwe n'abakozi b'Akarere kubaka ikibanza cye.	Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu n'umuyobozi wa One stop center kuzasura aho hantu mbere y'uko Inama Njyanama ibifataho umwanzuro
-Ibaruwa ya KANYUNDO Euphrasie wandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa ubukode bw'ubutaka bw'imfubyi arera.	Inama Njyanama imaze kubona ko ubutaka ari ubw'imfubyi kandi zikiri nto, uzirera akaba nta bushobozi bundi afite bwo kuhabyaza umusaruro yemeje ko ahasonewe ubukode bw'ubutaka kugeza igihe hazajya mu maboko y'ushobora kuhabyaza umusaruro.
-Ibaruwa ya KVCS(Kigali veterans cooperative society) isaba kugira amasezerano n'Akarere kubirebana no kugafasha gukodesha Ibirombe by'imicanga na Kariyeri biri mu Karere.	Inama Njyanama imaze kubona ko ikigamijwe ari ugufasha Akarere kongera amahooro yako yemeje iyi mikorere n'imikoranire y'Akarere ka Gakenke na KVCS; Inama Njyanama yasabye Akarere kuba ariko gategura Kontaro y'ubwo bufatanye kifashishije umunyamategeko wako;

Ibaruwa yanditswe na RUKENGERA Cyprien isaba guhabwa ingurane y'ubutaka bw'umuryango we bwubatswemo akagari ka Karukungu mu murenge wa Janja.	Inama Njyanama ishingiye ku byemejwe n'inama Njyanama y'umurenge wa Janja ndetse no kubyasuzumwe na Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu, imaze gusuzuma ubusabe bwa RUKENGERA Cprien bwo kuguranirwa ubutaka kuko ubw'umuryango we bwubatsweho Akagari ka Karukungu yemeje ko aguranirwa ku bwa Leta ariko akagaragaza icyemezo cy'abo mu muryango kimuha uburenganzira bwo kubabariza iby'iyo sambu gikorerwe imbere ya Noteri.
-Ibaruwa ya NYIRINKWAYA Elie wanditse asaba guhabwa ingurane y'ubutaka bwe bwashyizwemo ikibuga abanyeshuri bakiniraho bo mu Kigo cy'amashuri abanza cya Nyenyeri.	Inama Njyanama yemeje ko Akarere kaguranira NYIRINKWAYA Elie ubutaka bwe cyangwa kakamuha agaciro kaho;
-Ibaruwa ya NTEZIMANA Augustin isaba kuguranirwa ubutaka kuko ubwe bubatsemo Igikoni cy'umudugudu	Inama Njyanama yemeje ko Akarere kaguranira NTEZIMANA Augustin unutaka bwe cyangwa kakamuha agaciro kaho;
-Ibaruwa ya MUNYEMANA Boniface isaba Inama Njyanama kumwishyuriza amafaranga yambuwe na Rwiyemezamirimo uyobora entreprise MVK Bwana DUSABIMANA Erneste wabakoresheje yubaka Ikigo Nderabuzima cya Muyongwe. Aravuga ko yandikiye Akarere inshuro nyinshi ariko ntabone igisubizo.	Inama Njyanama yasabye Nyobozi y'Akarere gukurikira iki kibazo maze uyu muturage MUNYEMANA Boniface akishyurwa.

Ibyizwe muri Komisiyo y'imiyoborere myiza	
-Abagize iyi Komisiyo basuye ahazubakwa Inyubako nshya y'Akarere.	Nyuma yo kugezwaho ibyizwe muri Komisiyo y'imiyoborere myiza, Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira: -Inama Njyanama yemeje ahazashyirwa inyubako nshya y'Akarere ka Gakenke mu mudugudu wa Kabaya, .Akagari ka Rusagara,Umurenge wa Gakenke. -Inama Njyanama yasabye Nyobozi y'Akarere kubanza kuguranira abaturage ahazazashyirwa iyo nyubako nshya y'Akarere mbere yo kugira ikindi gikorwa bakoreramo;
-Insimburamibyizi mu mirenge	Inama Njyanama yasabye Nyobozi y'Akarere gukurikirana no gukosora imitangire y'insimburamibyizi y'abajyanama mu mirenge ubundi hagakurikizwa itegeko;
-Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama.	Inama Njyanama yibukije Nyobozi y'Akarere kujya itanga raporo y'ishyirwa mubikorwa ry'imyanzuro iba yarafashwe n'Inama Njyanama.
-Ibaruwa ya MUSABYIMANA Theoneste isaba kurenganurwa kubera isambu ye yanyujijwemo imihanda mu bikorwa bya VUP. Komisiyo yaramusuye isanga koko hari imihanda yanyujijwe mu masambu y'abaturage mu rwego rwo gutunganya umudugudu. Ikigaragara ni uko byakozwe kubw'inyungu rusange kandi no kubw'iterambere ry'abaturage. Mu kuganira nawe basanze ikibazo ari uko bataganirijwe kubigiye kubakorerwa.	Inama Njyanama yasabye Nyobozi y'Akarere kuganiriza abaturage bo mu murenge wa Mataba harimo n'uyu MUSABYIMANA Theoneste aho VUP yakoze imihanda mu rwego rwo kubasangiza ibibakorerwa no kubasaba gufasha Akarere kubegereza ibikorwa by'iterambere.

Ibaruwa y'umujyanama ICYITEGETE Marie Pierre Viviane isaba kwegura mu mirimo y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke	Inama Njyanama yemeje ubwegure bwa ICYITEGETSE Marie Pierre Viviane imaze gusesengura impamvu ashingiraho yegura kukoyasabwe n'umukoresha we kutabangikanya akazi ke n'ubujyanama bw'Akarere; Inama Njyanama yasabye ko ibyo kwegura kwa ICYITEGETSE M P Viviane bumenyeshwa Komisiyo y'Igihugu y'amatora;
Ibyizwe muri Komisiyo y'imibereho myiza **Iyi Komisiyo yasuzumye:** **-Isuku n'isukura** **-Guteza imbere urubyiruko** **-Gufasha abatishoboye** **-Ibaruwa ya Perezida w'Inama y'ubutegetsi ya Farumasi isaba ibyitegererezo kuri raporo y'inama bakoze**	Inama Njyanama yasabye Nyobozi y'Akarere : -Kubaka no gusana ubwiherero ku nyubako za Leta -Gukora imikwabo ku minsi y'amasoko hagamijwe kureba isuku -Kongera ingengo y'imari igenerwa imishinga y'urubyiruko -Kwifashisha inkunga yakusanyijwe ku gihe cy'ibiza ikifashishwa mu kugura ibibanza by'imiryango 60 itarashoboye kubibona. -Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere nk'urwego rushinzwe Farumasi mu micungire y'umutungo wayo, kuba hafi y'inama y'ubutegetsi ya Farumasi ndetse n'abakozi bayo maze bagahabwa ibyo amategeko abateganyiriza.

Inama yatangiye saa yine (10h00AM) irangiza imirimo yayo saa [illegible] (15h30 PM)

UWIHOREYE Clémentine

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

HITIMANA Télesphore

Perezida w'Inama Njyanama